<p>Inama Nyobozi y'Urugaga ifite ububasha n'ishingano z'ingenzi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. guhuriza hamwe inzego zishinzwe gushyira mu bikorwa ibyemezo by'inkiko; 2. gufasha mu itegurwa rya politiki n'ingamba bijyanye n'irangiza ry'imanza; 3. kugena uburyo bwo kugenzura no gusuzuma imikorere y'Abahesha b'Inkiko b'umwuga; 4. gufatira ibihano Abahesha b'Inkiko b'umwuga bakoze amakosa yo mu rwego rw'umwuga; 5. gutegura umushinga w'amategeko agenga imyifatare myiza y'Abahesha b'Inkiko b'umwuga; 6. gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inteko Rusange; 7. kugenzura ko amategeko n'amahame agenga umwuga w'Abahesha b'Inkiko yubahirizwa n'abagize Urugaga; 8. gutegura amahugurwa y'Abahesha b'Inkiko b'umwuga igihe cyose bibaye ngombwa ku bufatanye na 	<p>The Executive Council of the Association shall have the following main responsibilities;</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. to coordinate organs responsible for execution of judgments; 2. to participate in the preparation of the strategic policies as regards execution of judgments; 3. to determine the modalities of the evaluation and assessment of duties of professional bailiffs; 4. to take disciplinary measures against the professional bailiff having committed disciplinary faults during the performance of their profession; 5. to elaborate the code of ethics of professional bailiffs; 6. to implement the decisions of the General Assembly; 7. to ensure that laws and principles governing the profession of bailiffs are complied with by members; 8. to organize, in collaboration with the Ministry, the training of professional 	<p>Les pouvoirs et attributions du Conseil Exécutif du Corps sont les suivants:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. coordonner les organes ayant l'exécution des jugements dans leurs attributions; 2. participer à la préparation des politiques stratégiques en matière d'exécution des jugements; 3. déterminer les modalités de contrôle et d'évaluation des prestations des huissiers de justice professionnels; 4. prendre des mesures disciplinaires à l'encontre des huissiers de justice professionnels ayant commis des fautes disciplinaires dans l'exercice de leur profession; 5. élaborer le code d'éthique des huissiers de justice professionnels; 6. mettre en application les décisions de l'Assemblée Générale; 7. s'assurer que les lois et principes régissant la profession des huissiers de justice sont respectés par les membres du Corps; 8. organiser, en collaboration avec le Ministère de la Justice, la formation des huissiers de justice
---	---	---

<p>Minisiteri hagamijwe kubongerera ubushobozi mu rwego rw'umurimo wabo wo kurangiza imanza;</p> <p>9. gushyiraho Umunyabanga nshingwabikorwa n'abandi bakozi ba ngombwa no gusesa amazerano yabo y'akazi;</p> <p>10. gutegura ingengo y'imari y'urugaga;</p> <p>11. gucunga umutungo w'Urugaga;</p> <p>12. kwemeza amazezerano Urugaga rugirana n'abafatanyabikorwa barwo;</p> <p>13. gutegura inama z'inteko Rusange;</p> <p>14. gushyiraho komisiyo zihoraho n'izidahoraho;</p> <p>15. guharanira ibikorwa biteza imbere umwuga n'imibereho myiza y'abawukora;</p> <p>16. kugena ibipimo bigaragaza ubushobozi bw'urangije igihe cyo kwitoza umwuga;</p> <p>17. gukora indi nshingano yose itagenewe urundi rwego kandi bigaragara ko ifitiye inyungu urugaga.</p>	<p>bailiffs if it is deemed necessary in a bid of the capacity building in their duties of executing judgments;</p> <p>9. to recruit administrative staff of the Association and terminate their contracts;</p> <p>10. to prepare the draft of annual budget of the Association;</p> <p>11. to manage the assets of the Association;</p> <p>12. to approve agreements between the Association and its partners;</p> <p>13. to prepare the meetings of the General Assembly;</p> <p>14. to establish standing and ad hoc committees;</p> <p>15. to promote the activities that are needed for the development of the profession and the welfare of its members;</p> <p>16. determine the evaluation criteria of bailiffs trainees after the course;</p> <p>17. exercise any other useful administrative power not expressly reserved for another organ.</p>	<p>professionnels chaque fois que de besoin en vue du renforcement des capacités dans l'accomplissement de leur tâche d'exécution des jugements;</p> <p>9. recruter le personnel administratif du corps et résilier leurs contrats</p> <p>10. préparer le projet de budget annuel du Corps ;</p> <p>11. gérer le patrimoine du Corps ;</p> <p>12. approuver les accords conclus entre le Corps et ses partenaires;</p> <p>13. préparer les sessions de l'Assemblée Générale;</p> <p>14. mettre en place des commissions permanentes et ad hoc;</p> <p>15. promouvoir les activités nécessaires au développement de la profession et au bien-être de ses membres;</p> <p>16. déterminer les critères d'évaluation des huissiers stagiaires à l'issue du stage;</p> <p>17. exercer tout autre pouvoir d'administration utile au corps non expressément réservé à un autre organe.</p>
---	--	---

<p style="text-align: center;"><u>Akiciro ka 2: Biro y’Inama Nyobozi</u></p> <p><u>Ingingo ya 17: Abagize Biro y’Inama Nyobozi</u></p> <p>Biro y’Inama Nyobozi igizwe na Perezida, Visi Perezida n’Umubitsi b’Urugaga.</p> <p><u>Insinso ya 18: Inshingano za Biro y’Inama Nyobozi</u></p> <p>Biro y’inama Nyobozi ifite inshingano zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. gutumiza inama z’Inama Nyobozi; 2. gushyira mu bikorwa ibyemezo by’ Inama Nyobozi; 3. gukurikirana imirimo y’Ubunyamabanga Nshingwabikorwa; 4. kugeza raporo na gahunda y’ibikorwa ku Nteko Rusange; 5. gufata ibyemezo byihutirwa by’agateganyo bishyikirizwa Inama Nyobozi kugira ngo ibifateho umwanzuro. <p><u>Akiciro kg 3: Imikorere y’Inama Nyobozi</u></p> <p><u>Ingingo ya 19: Guterana kw’Inama Nyobozi</u></p>	<p><u>Sub-section 2: Bureau of the Executive Council</u></p> <p><u>Article 17: Composition</u></p> <p>The Bureau of the Executive Council shall be composed of the President, the Vice President and the Treasurer of the Association.</p> <p><u>Article 18: Responsibilities of the Bureau of the Executive Council</u></p> <p>The Bureau of the Executive Council shall have the following responsibilities:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. to convene the meetings of the Executive Council; 2. to implement the decisions of the Executive Council; 3. to make a follow up of the activities of the Executive Secretariat; 4. to present the report and action plan to the General Assembly; 5. to take all provisional urgent decisions to be transmitted to the Executive Council for it to take final decision. <p><u>Sub-section 3: Functioning of the Executive Council</u></p> <p><u>Article 19: Meetings of the Executive Council</u></p>	<p><u>Sous-section 2: Bureau du Conseil Exécutif</u></p> <p><u>Article 17: Composition</u></p> <p>Le Bureau du Conseil Exécutif est composé du Président, du Vice-Président et du Trésorier du Corps.</p> <p><u>Article 18: Attributions du Bureau du Conseil Exécutif</u></p> <p>Le Bureau du Conseil Exécutif a les attributions suivantes:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. préparer les réunions du Conseil Exécutif; 2. exécuter les décisions du Conseil Exécutif. 3. faire le suivi des activités du Secrétariat Exécutif; 4. présenter le rapport et le plan d’action à l’Assemblée Générale; 5. prendre les décisions provisoires urgentes devant être transmises au Conseil Exécutif pour décision définitive. <p><u>Sous-section 3: Fonctionnement du Conseil Exécutif</u></p> <p><u>Article 19: Tenue des réunions du Conseil Exécutif</u></p>
---	---	---

<p>Inama Nyobozi y'Urugaga iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa.</p> <p>Itumizwa kandi ikayoborwa na Perezida w'Urugaga. Iyo adahari itumizwa kandi ikayoborwa na Visi Perezida.</p> <p>Mu mikorere yayo Inama Nyobozi irigenga. Itanga raporo ku Nteko Rusange ikagera kopi Minisitiri w'Ubutabera.</p> <p><u>Ingingo ya 20: Umubare wa ngombwa ufata ibyemezo</u></p> <p>Umubare wa ngombwa kugira ngo Inama Nyobozi ibashe gufata ibyemezo byemewe ni 2/3 by'abayigize. Iyo ubwo bwiganze butabonetse, hatumizwa Inama idasanzwe mu gihe cy'iminsi 8, noneho abitabiriye inama bagafata ibyemezo ku bwiganze busesuye.</p> <p><u>Ingingo ya 21: Ifatwa ry'ibyemezo</u></p> <p>Ibyemezo by'inama Nyobozi bifatwa ku bwumvikane busesuye. Bitashoboka bigafatwa ku bwiganze burunduye bw'abitabiriye inama.</p>	<p>The Executive Council of the Association shall meet once quarterly and at any time if it is deemed necessary.</p> <p>Its meeting shall be convened and chaired by the President of the Association. In case of the absence of the President, it shall be convened and chaired by the Vice -President.</p> <p>While carrying out its duties the Executive Council shall be independent. The Executive Council shall submit its report to the General Assembly and reserve a copy to the Minister of Justice.</p> <p><u>Article 20: Quorum</u></p> <p>The quorum required for the Executive Council to take valid decisions is 2/3 of members. If the quorum is not reached, an extraordinary session shall be convened within 8 days and the majority of members present to the session shall validly take decisions.</p> <p><u>Article 21: Decisions making</u></p> <p>Decisions of the Executive Council shall be made by consensus. In case of failure to reach the consensus, the decisions shall be made on the basis of absolute majority of the members present.</p>	<p>Le Conseil Exécutif du Corps se réunit une fois par trimestre et chaque fois que de besoin.</p> <p>Sa réunion est convoquée et présidée par le Président du Corps. En cas d'absence du Président, il est convoqué et présidé par le vice- Président.</p> <p>Dans l'exercice de ses fonctions, le Conseil Exécutif est indépendant. Il transmet son rapport à l'Assemblée Générale et réserve une copie au Ministre de la Justice.</p> <p><u>Article 20: Quorum</u></p> <p>Le quorum requis pour la prise des décisions valides par le Conseil Exécutif est de 2/3 des membres du Conseil. Si le quorum n'est pas atteint, une réunion extraordinaire est convoquée dans les 8 jours et la majorité des membres présents prennent valablement les décisions.</p> <p><u>Article 21: Prise des décisions</u></p> <p>Les décisions du Conseil Exécutif sont prises par consensus. A défaut du consensus, elles sont prises à la majorité absolue des membres présents.</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 22: Ibigenerwa abagize Inama Nyobozi y’Urugaga</u></p> <p>Abagize Inama Nyobozi y’Urugaga bitabiriye inama yayo bagenerwa amafaranga y’u Rwanda ibihumbi mirongo ine (FRW 40.000). ashobora guhinduka byemejwe n’Inteko Rusange.</p> <p>Uko Inama Nyobozi y’Urugaga iteranye, Umunyamabanga Nshingwabikorwa akora urutonde rw’abayitabiriye ruriho amazina yabo. urwego bahagarariye mu nama, e-mail, telefone n’umukono wabo.</p> <p><u>Akicro ka 4: Ibyerekeye Komisiyo z’Inama Nyobozi</u></p> <p><u>Article 23: Komisiyo zihoraho</u></p> <p>Mu mikorere yayo, Inama Nyobozi ishyiraho Komisiyo zihoraho zikurikira:</p> <p>1° Komisiyo ishinzwe imyitwarire;</p> <p>2° Komisiyo ishinzwe ibijyanye n’umutungo;</p> <p>3° Komisiyo ishinzwe ibijyanye n’umwuga.</p> <p>Abagize Komisiyo bitoramo Perezida n’Umwanditsi.</p>	<p><u>Article 22: Sitting allowances for members of the Executive Council</u></p> <p>Members of the Executive Council present at the meeting shall receive a sitting allowance of forty thousand Rwandan Francs (FRW 40.000) subject to change by the decision of the General Assembly.</p> <p>The Executive Secretary shall compile a list of attendance at each meeting of the Executive Council including the names of members present, the institution they represent at the meeting, their emails, phone numbers and signature.</p> <p><u>Sub-section 4: Committees of the Executive Council</u></p> <p><u>Article 23: Standing committees</u></p> <p>In its functioning, the Executive Council shall establish the following permanent committees:</p> <p>1° disciplinary Committee;</p> <p>2° Committee in charge of finance;</p> <p>3° Committee in charge of profession.</p> <p>The members of the committees shall elect the chair person and the rapporteur.</p>	<p><u>Article 22: Jetons de presence des membres du Conseil Executif</u></p> <p>Les membres du Conseil Exécutif présents à la réunion bénéficient d’un jeton de présence d’un montant de quarante mille francs rwandais (40.000 Frw) qui peut changer sur décision de l’Assemblée Générale.</p> <p>Le Secrétaire Exécutif dresse une liste des présences à chaque réunion du Conseil Exécutifs portant les noms des membres présents, les institutions qu’ils représentent à la réunion, leurs emails, numéros de téléphone ainsi que leurs signatures</p> <p><u>Sous-section 4: Commissions du Conseil Exécutif</u></p> <p><u>Article 23: Commissions permanentes</u></p> <p>Dans son fonctionnement, le Conseil Executif met en place les commissions permanentes suivantes:</p> <p>1 ° Commission de discipline;</p> <p>2° Commission chargée de finances;</p> <p>3° Commission chargée de la profession.</p> <p>Les membres de la commission élisent en leur sein un président et un rapporteur.</p>
---	--	---

<p><u>Ingingo ya 24: Komisiyo ishinzwe imyitwarire</u></p> <p>Komisiyo ishinzwe imyitwarire ishinzwe ibi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Gusuzuma amadosiye y'abahashe b'inkiko bakurukiranyweho amakosa arebana n'imyifatire mu kazi igashyikiriza raporo Inama Nyobozi; 2. gukurikirana ko amategeko ngena myitwarire akurikizwa igakorera raporo Inama Nyobozi. <p>Perezida w'Urugaga niwe ushyikiriza Komisiyo y'imyitwarire amadosiye y'abakurikiranwa.</p>	<p><u>Article 24: Disciplinary Committee</u></p> <p>The Disciplinary Committee is responsible for the following:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. Investigating cases of bailiffs subject to disciplinary proceedings and to report to the Executive Council; 2. Monitoring of the execution of the code of ethics of professional bailiffs and report to the Executive Council. <p>The President of the Association submits the disciplinary records to the Disciplinary committee.</p>	<p><u>Article 24: Commission de discipline</u></p> <p>La commission de discipline est chargée:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. d'instruire les dossiers des huissiers faisant l'objet de poursuites disciplinaires et d'en faire rapport au Conseil Exécutif; 2. de faire le suivi de l'exécution du code de déontologie des huissiers professionnels et faire rapport au Conseil Exécutif; <p>Le Président du Corps transmet les dossiers disciplinaires à la commission chargée de la discipline.</p>
<p><u>Ingingo ya 25: Komisiyo ishinzwe ibijyanye n'umutungo</u></p> <p>Komisiyo ishinzwe ibijyanye n'umutungo ifite inshingano zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. gusuzuma umushinga w'ingingo y'imari y'Urugaga ugashyikirizwa Inama Nyobozi ku bikwiye gukorwa; 2. gusuzuma raporo y'abagenzuzi b'imari no kugira inama Inama Nyobozi ku bikwiye gukorwa ngo umutungo w'Urugaga ucungwe neza; 3. Gushyiraho ingamba zatumu umutungo w'Urugaga wiyongera zigashyikirizwa Inama Nyobozi. 	<p><u>Article 25: Committee in charge of finance</u></p> <p>The Committee in charge of finance shall have the following powers:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. to examine the draft of annual budget of the Association and make recommendations to the Executive Council; 2. to examine the report of financial auditors of the Association and make recommendations to the Executive Council on the good management of the assets of the Association; 3. to set up strategies to increase the wealth of the Association and submit them to the Executive Council. 	<p><u>Article 25 : Commission chargée des finances</u></p> <p>La commission des finances est chargée des attributions suivantes :</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. examiner le projet de budget annuel du Corps et d'en faire les recommandations au Conseil Exécutif; 2. examiner le rapport des auditeurs financiers du Corps et de faire des recommandations au Conseil Exécutif sur la bonne gestion du patrimoine du corp Corps; 3. mettre en place les stratégies permettant d'augmenter le patrimoine du Corps et les soumettre au Conseil Exécutif.

<p><u>Ingingo ya 26: Komisiyo ishinzwe ibijyanye n'umwuga</u></p> <p>Komisiyo ishinzwe ibijyanye n'umwuga ifite inshingano zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. gutegura amahugurwa y'Abahesha b'Inkiko b'umwuga hagamijwe kubongerera ubushobozi mu rwego rw'umurimo wabo wo kurangiza imanza; 2. gukurikirana ko imanza zirangizwa mu butabera ; 3. Gucukumbura inzitizi umuhesha w'inkiko ahura nazo no kwiga uburyo zavaho. <p>Komisiyo ishinzwe ibijyanye n'umwuga itegura uburyo bw'igenzura n'isuzuma ry'imikorere y'abahesha b'inkiko ikayishyikiriza Inama Nyobozi kugira ngo iyemeze.</p> <p><u>Icyiciro cya 3: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa</u></p> <p><u>Ingingo ya 27: Abagize Ubunyamabanga Nshingwabikorwa</u></p> <p>Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bugizwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'abandi bakozi ba ngombwa bashyirwaho n'Inama Nyobozi.</p>	<p><u>Article 26: Committee in charge of profession</u></p> <p>The Committee in charge of profession has the following functions:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. to plan training of professional bailiffs in order to strengthen their abilities in performing tasks enforcement of judgments; 2. to monitor the fair enforcement of judgments; 3. to identify obstacles to the exercise of the profession and to propose appropriate measures to overcome them; <p>The Committee in charge of profession shall prepare arrangements for monitoring and evaluation of the performance of Professional Bailiffs and submit them to the Executive Council for approval.</p> <p><u>Section 3: Executive Secretariat</u></p> <p><u>Article 27: Members of the Executive Secretariat</u></p> <p>The Executive Secretariat shall be composed of the Executive Secretary and other necessary staff members appointed by the Executive Council.</p>	<p><u>Article 26: Commission chargée de la profession</u></p> <p>La Commission chargée de la profession a les attributions suivantes:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. planifier les formations des huissiers de justice professionnels en vue du renforcement de leurs capacités dans l'accomplissement des tâches d'exécution des jugements; 2. faire le suivi sur l'exécution juste des jugements; 3. identifier les obstacles à l'exercice de la profession et proposer les mesures appropriées pour les surmonter. <p>La commission chargée de la profession prépare les modalités de contrôle et d'évaluation des prestations des huissiers de justice professionnels et les soumet au Conseil Exécutif pour approbation.</p> <p><u>Section 3: Secrétariat Exécutif</u></p> <p><u>Article 27: Membres du Secrétariat Exécutif</u></p> <p>Le Secrétariat Exécutif est composé du Secrétaire Exécutif et autres membres du personnel nécessaires nommés par le Conseil Exécutif.</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 28: Umunyamabanga Nshingwabikorwa</u></p> <p>Umunyamabanga Nshingwabikorwa yitabira inama z'Inteko Rusange, iz'Inama Nyobozi n'iza Biro y'Inama Nyobozi, akazitangamo ibitekerezo, akazibera n'umwanditsi, ariko ntagira uruhare mu ifata ry'ibyemezo.</p> <p>Umunyamabanga Nshingwabikorwa ashirwaho n'Inama Nyobozi amaze gutsinda ikizamini kandi mu buryo buteganywa n'amategeko agenga itangwa ry'akazi mu Rwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 29: Inshingano z'Umunyamabanga Nshingwabikorwa</u></p> <p>Umunyamabanga Nshingwabikorwa afite inshingano zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. kuyobora imirimo ya buri muni y'urugaga; 2. gutegura gahunda na raporo y'igihembwe by'imikoreshereze y'umutungo w'urugaga no guhuza ibikorwa byarwo by'umwihariko umubare w'imanza n'ibyemezo by'inkiko byarangijwe; 3. gutegura gahunda na raporo by'umwaka no kubishyikiriza Inama Nyobozi; 	<p><u>Article 28: Executive Secretary</u></p> <p>The Executive Secretary shall participate to the meetings of the General Assembly, of the Executive Council and those of the Bureau of the Executive Council. He/she shall give his/her views and serve as rapporteur but shall not take part in decision making.</p> <p>The Executive Secretary shall be appointed by the Executive Council on an exam basis and according to the procedures laid down by the laws in force in the recruitment of workers in Rwanda.</p> <p><u>Article 29: Responsibilities of the Executive Secretary</u></p> <p>The responsibilities of the Executive Secretary shall be the following:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. to ensure the daily management of the Association; 2. to make the plan and the quarterly report on the use of resources of the Association and coordinate its activities, especially the number of judgments and court decisions executed 3. to prepare the annual plan and annual report and submit them to the Executive Council; 	<p><u>Article 28: Secrétaire Exécutif</u></p> <p>Le Secrétaire Exécutif participe aux réunions de l'Assemblée Générale. du Conseil Exécutif et celles du Bureau du Conseil Exécutif et il en est le rapporteur. Il contribue aux débats mais ne participe pas dans la prise des décisions.</p> <p>Le Secrétaire Exécutif est nommé par le Conseil Exécutif sur base d'un test et selon les modalités définies par les lois en vigueur en matière de recrutement des travailleurs au Rwanda.</p> <p><u>Article 29: Attributions du Secrétaire Exécutif</u></p> <p>Le Secrétaire Exécutif a les attributions suivantes:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. diriger les activités quotidiennes du Corps; 2. préparer le programme et le rapport trimestriel sur l'utilisation du patrimoine du Corps et coordonner les activités particulièrement le nombre des jugements et décisions exécutées; 3. préparer le programme et le rapport annuel et les soumettre au Conseil Exécutif;
---	--	--

<p>4. gucunga abakozi no gusuzuma imikorere yabo ku rwego rwa mbere;</p> <p>5. gutegura igenamigambi na gahunda y' ibikorwa by'umwaka bigashyikirizwa Inama Nyobozi;</p> <p>6. gukurikirana imikoreshereze y'ingengo y'imari;</p> <p>7. gukora indi mirimo yose iri mu nshingano ze abisabwe na Biro y'Inama Nyobozi.</p> <p><u>IGIKA CYA 2: PEREZIDA W'URUGAGA</u></p> <p><u>Ingingo ya 30: Ishyirwa rau mirimo</u></p> <p>Perezida w'Inama Nyobozi niwe Perezida w'Urugaga. Atorwa n'Inama Rusange mu bahesha b'inkiko b'umwuga. Agatorerwa manda y'imyaka itatu ishobora kongerwa rimwe.</p> <p>Kugira ngo ashobore gutorerwa kuba Perezida w'Urugaga, umukandida agomba kuba afite uburambe mu mwuga w'abahashe b'inkiko b'umwuga butari hasi y'imyaka itanu.</p>	<p>4. to manage the staff members and proceed to their evaluation at the first level;</p> <p>5. to prepare the strategic plan and the business plan and submit to the Executive Council;</p> <p>6. to ensure the implementation of the budget of the Association;</p> <p>7. to perform any other duties in connection with his duties at the request of the Bureau of the Executive Council.</p> <p><u>SUB-CHAPTER 2: PRESIDENT OF THE ASSOCIATION</u></p> <p><u>Article 30: Entry into functions</u></p> <p>The Chairman of the Executive Council is the President of the Association. He is elected by the General Assembly among the members of the Association for a term of three (3) years renewable once.</p> <p>To be elected President of the Association, the Applicant must demonstrate a seniority of at least five years in the profession of professional bailiff.</p>	<p>4. assurer la gestion du personnel et procéder à leur évaluation au premier degré;</p> <p>5. préparer le plan stratégique et le plan d'activité et les soumettre au Conseil Exécutif;</p> <p>6. assurer l'exécution du budget du Corps;</p> <p>7. exécuter toute autre tâche en rapport avec ses attributions à la demande du Bureau du Conseil Exécutif.</p> <p><u>SOUS-CHAPITRE 2: PRESIDENT DU CORPS</u></p> <p><u>Article 30: Entrée en fonctions</u></p> <p>Le Président du Conseil Exécutif est le Président du Corps. Il est élu par l'Assemblée Générale parmi les membres du Corps pour un mandat de trois (3) ans renouvelable une seule fois.</p> <p>Pour être élu Président du Corps, le candidat doit justifier d'une ancienneté d'au mois cinq ans dans la profession d'huissier de justice professionnel.</p>
---	--	---

<p><u>Ingingo ya 31: Inshingano za Perezida</u></p> <p>Perezida w’Urugaga afite inshingano zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. kuba umuvugizi w’Urugaga no kuruhagararira imbere y’amategeko; 2. gutumira no kuyobora Inteko Rusange n’Inama Nyobozi; 3. gusuzuma ibirego bireba umuhesha w’inkiko, n’ibirego umuhesha w’inkiko akurikiranyeho abakiriya; 4. gufatira ibihano, abisabwe n’Inama Nyobozi, abahesha b’inkiko batubahiriza imyifatire myiza iranga umwuga <p><u>IGIKACYA 3: VISI PEREZIDA W’URUGAGA</u></p> <p><u>Ingingo ya 32: Ishyirwa mu mirimo</u></p> <p>Visi Perezida w’Inama Nyobozi ni nawe Visi Perezida w’Urugaga. Atorwa n’Inteko Rusange mu bahesha b’inkiko b’umwuga, agatorerwa manda y’imyaka itatu ishobora kongerwa rimwe.</p>	<p><u>Article 31: Responsibilities of the President</u></p> <p>The President of the Association has the following responsibilities:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. to speak and act on behalf of the Association in his capacity as Legal Representative; 2. to convene and conduct the meetings of the General Assembly and the Executive Council; 3. to examine the complaints made against a professional bailiff as well as claims brought against him/her by third parties; 4. To take on the recommendation of the Executive Board, disciplinary measures against the professional bailiffs who failed in their professional duties. <p><u>SUB-CHAPTER 3: VICE- PRESIDENT OF THE ASSOCIATION</u></p> <p><u>Article 32: Entry into functions</u></p> <p>The vice Chair of the Executive Council is also Vice President of the Association. He is elected by the General Assembly among the members of the Association for a term of three (3) years renewable once.</p>	<p><u>Article 31: Attributions du Président</u></p> <p>Le Président du Corps a les attributions suivantes:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. parler et agir au nom du Corps en sa qualité de Représentant Légal; 2. convoquer et diriger les sessions de l’Assemblée Générale et du Conseil Exécutif; 3. examiner les réclamations formées contre un huissier de justice professionnel de même que les réclamations formées par ce dernier contre les tiers; 4. prendre, sur recommandation du Conseil Exécutif, des sanctions disciplinaires contre les huissiers qui ont manqué à leurs devoirs professionnels. <p><u>SOUS-CHAPITRE 3: VICE PRESIDENT DU CORPS</u></p> <p><u>Article 32: Entrée en fonctions</u></p> <p>Le vice Président du Corps est en même temps Vice Président du Conseil Exécutif. Il est élu par l’Assemblée Générale parmi les huissiers de justice professionnels pour un mandat de trois (3) ans renouvelable une seule fois.</p>
--	--	--

<p>Kugirango ashobore gutorerwa kuba Visi Perezida w'Urugaga, umukandida agomba kuba afite nibura uburambe mu mwuga w'abahashe b'inkiko b'umwuga butari hasi y'imyaka itanu.</p> <p><u>Ingingo ya 33: Inshingano za Visi Perezida</u></p> <p>Visi Perezida afite inshingano zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. gusimbura Perezida iyo atabonetse; 2. kugenzura imigendekere y'imirimo irebana no kumenyereza abahashe b'inkiko bitoza umwuga. <p><u>IGIKA CYA 4: UMUBITSI W'URUGAGA</u></p> <p><u>Ingingo ya 34: Ishyirwa mu mirimo</u></p> <p>Umubitsi w'Urugaga atorwa n'Inteko Rusange mu bahesha b'inkiko b'umwuga, agatorerwa manda y'imyaka itatu ishobora kongerwa rimwe.</p> <p><u>Ingingo ya 35: Inshingano</u></p> <p>Umubitsi w'Urugaga afite inshingano zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. gucunga umutungo w'Urugaga; 	<p>To be elected Vice-President of the Association, the applicant must demonstrate a seniority of at least five (5) years in the profession of professional bailiff.</p> <p><u>Article 33: Responsibilities of the Vice-President</u></p> <p>The vice President shall have the following responsibilities:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. to represent the President in case of absence; 2. to oversee the conduct of professional training. <p><u>SUB-CHAPTER 4: TREASURER OF THE ASSOCIATION</u></p> <p><u>Article 34: Entry into functions</u></p> <p>The Treasurer of the Association is elected by the General Assembly for a term of three (3) years renewable once.</p> <p><u>Article 35: Responsibilities</u></p> <p>The Treasurer of the Association has the following responsibilities:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. to manage the funds of the Association; 	<p>Pour être élu Vice-Président du Corps, le candidat doit justifier d'une ancienneté d'au moins cinq ans dans la profession d'huissier de justice professionnel.</p> <p><u>Article 33: Attributions du Vice-Président</u></p> <p>Le Vice Président a les attributions suivantes:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. remplacer le Président en cas d'absence; 2. superviser le déroulement du stage professionnel <p><u>SOUS-CHAPITRE 4: TRESORIER DU CORPS</u></p> <p><u>Article 34: Entrée en fonctions</u></p> <p>Le Trésorier du corps est élu par l'Assemblée Générale pour un mandat de trois (3) ans renouvelable une seule fois.</p> <p><u>Article 35: Attributions</u></p> <p>Le Trésorier du corps a les attributions suivantes:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1. gérer les fonds du Corps;
---	---	--

<p>2. kwishyuza imyenda ifitiwe Urugaga;</p> <p>3. gushyira umukono afatanyije na Perezida w'Urugaga ku nyandiko zose zirebana n'imikoreshereze y'umutungo w'Urugaga, Perezida yaba adahari agasinyana na Visi Perezida;</p> <p>4. gutegura buri mwaka ishusho y'umutungo w'Urugaga, akayitangira raporo kuri nyobozi no ku nteko rusange;</p> <p>5. gukurikirana itangwa ry' imisanzu y'abanyamuryango no gukurikirana imirimo y'umucungamari.</p> <p>Umubitsi w'Urugaga abazwa ibyo akora n'Inama Nyobozi n'Inteko Rusange y'Urugaga.</p> <p><u>UMUTWE WA III: KWINJIRA MU MWUGA NO GUKORA UMURIMO W'UBUHESHA BW'INKIKO BW'UMWUGA</u></p> <p><u>Icyiciro cya mbere: Kwinjira mu mwuga</u></p> <p><u>Ingingo ya 36: Ibisabwa</u></p> <p>Uwemererwa gukora umurimo w'ubuhesha bw'inkiko bw'umwuga agomba kuba yujuje ibi bikurikira:</p>	<p>2. to ensure the recovery of sums due to the Association;</p> <p>3. to sign with the President of the Association all documents relating to the use of funds of the Association: in the absence of the President, the Vice-Chairman shall replace him/her;</p> <p>4. to annually prepare for the Executive Council a financial statement and a statement of net assets;</p> <p>5. to collect members' contributions and ensure financial transactions.</p> <p>The Treasurer of the Association is answerable to the Executive Council and the General Assembly.</p> <p><u>CHAPTER III: ACCESS AND PRACTISING AS PROFESSIONAL BAILIFF</u></p> <p><u>Section One: Access to the profession</u></p> <p><u>Article 36: Requirements</u></p> <p>A professional bailiff shall fulfill the following requirements:</p>	<p>2. veiller au recouvrement des sommes dues au Corps;</p> <p>3. signer conjointement avec le Président du Corps tous les documents relatifs à l'utilisation des fonds du Corps ; en cas d'absence du Président, le Vice-Président le remplace;</p> <p>4. dresser annuellement à l'intention du Conseil Exécutif un état financier et du patrimoine;</p> <p>5. Recevoir les cotisations des membres et assurer la comptabilité.</p> <p>Le Trésorier du Corps répond devant le Conseil Exécutif et Assemblée Générale.</p> <p><u>CHAPITRE III: ACCES ET DE L'EXERCICE DE LA PROFESSION D'HUISSIER DE JUSTICE PROFESSIONNEL</u></p> <p><u>Section premiere: Acces à la profession</u></p> <p><u>Article 36: Conditions requises</u></p> <p>Pour accéder à la profession d'huissier de justice, le candidat doit remplir les conditions suivantes:</p>
---	---	---

<p>1. kuba afite ubwenehugu bwa kimwe mu bihugu bigize Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba;</p> <p>2. kuba yujuje nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;</p> <p>3. kuba afite nibura impamyabumcnyi ihanitse mu by'amategeko cyangwa indi bingana;</p> <p>4. kuba afite icyemezo cy'uko atakatiwe igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);</p> <p>5. kuba yatsinze ikizamini cyanditse giteganywa mu ngingo ya 29 y'Itegeko N° 12/2013 ryo ku wa 22/03/2013 rigenga umurimo w'Abahesha b'Inkiko, uretse abavugwa mu ngingo ya 36 y'iri Tegeko.</p> <p>Ushaka kuba umuhesha w'inkiko w'umwuga yandikira Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze ibaruwa ibisaba ishinganye mu iposita cyangwa itanzwe mu ntoki agahabwa gihamya ko yakiriwe. akagera kopi Perezida w'Urugaga na Perezida w'Urukiko Rukuru.</p>	<p>1.to be a citizen of any of the East African Community countries;</p> <p>2.to be at least twenty one (21) years old;</p> <p>3.to hold at least a bachelor's degree in Law or its equivalent;</p> <p>4. to hold a criminal record certificate certifying that he/she has not been sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months;</p> <p>5. to have successfully passed the written exam as provided for in Article 29 of this Law, except those referred to in Article 36 of this Law.</p> <p>A person wishing to be a professional bailiff shall address his/her request to the Minister of Justice through a registered mail or hand delivery with acknowledgement of receipt with all documents showing the fulfillment of requirements provided for in article 25 of this law. and shall reserve a copy to the President of the Association and the President of the High Court.</p>	<p>1. être de nationalité de l'un des pays membres de la Communauté de l'Afrique de l'Est;</p> <p>2. être âgé de vingt et un (21) ans au moins;</p> <p>3.être détenteur d'un diplôme de licence en Droit au moins ou son équivalent;</p> <p>4. être muni d'un certificat du casier judiciaire attestant qu'il n'a pas été condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;</p> <p>5. avoir passé l'examen prévu à l'article 29 de la Loi régissant la fonction d'huissier de justice, à l'exception de ceux qui sont énumérés à l'Article 36 de la même loi.</p> <p>Toute personne qui désire devenir huissier de justice professionnel adresse sa requête au Ministre de la Justice, par lettre recommandée à la poste ou remise en mains avec accusé de réception, avec copie au Président du Corps et au Président de la Haute Cour.</p>
--	---	--

<p>Dosiye y'ushaka kuba umuhesha w'inkiko w'umwuga igomba kuba irimo ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> • icyemezo cy'irangamimerere gitanzwe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha; • icyemezo cy'uko atakurikiranywe n'inzego z'ubutabera kitarengeje amezi atatu; • kopi y'impamyabushobozi cyangwa urundi rupapuro ruyisimbura biriho umukono wa noteri; • amafoto atatu magufi: • ibaruwa y'umuhesha w'inkiko w'imwuga wemeye kumumenyereza umwuga; - icyemezo cy'ubwengehugu; - Gutanga curriculum vitae ya vuba. <p><u>Ingingo ya 37:</u> Gukora ikizamini cyo kwinjira mu mwuga</p> <p>Ushaka kuba umuhesha w'inkiko w'umwuga, uretse abavugwa mu ngingo ya 36 y'Itegeko rigenga umurimo w'abahashe b'inkiko. agomba gutsinda ikizamini kigamije gusuzuma ubumenyi rusange mu mategeko, n'ubumenyi mu kazi k'abahashe b'inkiko by'umwihariko.</p>	<p>The applicant's file must include the following documents:</p> <ul style="list-style-type: none"> • A certificate of complete identity issued by a competent administrative authority; • An extract from the judicial record dating back not less than three months; • A notarised copy of the academic degrees or other equivalent documents; • Three passport-sized photos; • A letter of recommendation from the supervisor for bailiff in training; • A certificate of citizenship; • Updated curriculum vitae. <p><u>Article 37:</u> Passing exam of access to the profession</p> <p>Every candidate for the profession of bailiff, except those who are exempted from internship of professional bailiff as per article 36 of the Law governing the function of bailiff must pass an exam to assess his/her knowledge in the field of law in general, and the practice of bailiffs profession in particular.</p>	<p>Le dossier du candidat doit comprendre les documents suivants:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Une attestation d'identité complète délivrée par une autorité administrative compétente; • Un extrait du casier judiciaire datant de moins de trois mois; • Copie certifiée conforme à l'original du diplôme ou un autre document en tenant lieu; • Trois photos format passeport; • Une lettre de recommandation du maître de stage pour les candidats stagiaires; • Une attestation de nationalité; • Un curriculum vitae à jour. <p><u>Article 37:</u> Passation d'examen d'accès à la profession</p> <p>Tout candidat à la profession d'huissier de justice professionnel, à l'exception de ceux qui sont énumérés dans l'Article 36 de la Loi régissant la fonction d'huissier de justice, doit passer un examen en vue d'évaluer ses connaissances dans le domaine du droit en général, et du travail des huissiers de justice en particulier.</p>
---	---	---

<p>Ikizamini gitegurwa na Komisiyo idahoraho ishyirwaho n’Inama Nyobozi, igizwe n’abahashe b’inkiko bafite inararibonye hamwe n’abarimu bigisha amategeko.</p> <p>Ikizamini gikorwa mu nyandiko. Itariki n’aho ikizamini kizabera bigomba gutangazwa nibura mbere y’iminsi 21 ngo ikizamini gikorwe.</p> <p>Amanota agomba gushyikirizwa Visi Perezida w’Urugaga mu gihe cy’iminsi 7 uhereye igihe cyakorewe, nawe akayashyikiriza Perezida w’Inama Nyobozi muri raporo isobanura uko ikizamini cyagenze.</p> <p>Urutonde rw’abakandida batsinze ikizamini rumanikwa ku biro by’Urugaga mu gihe cy’ukwezi uhereye igihe ikizamini cyakorewe.</p> <p>Umukandida ufite impamvu zituma akeka ko amanota yabonye adahuje n’ukuri ashobora kugeza ubujurire bwe kuri visi Perezida w’Urugaga mu minsi irindwi ikurikira itariki amanota yatangarijweho.</p> <p>Urutonde rw’abatsinze ikizamini rwemezwa n’Inama Nyobozi ikarushyikiriza Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze kugira ngo abashyire mu myanya.</p>	<p>The exam is prepared by an <i>ad hoc</i> committee appointed by the Executive Council among the most experienced bailiffs and teachers of the law.</p> <p>The exam consists of a written test. The date and place of the examination must be submitted at least 21 days before the date of the exam.</p> <p>The results shall be reported to the vice-President of the Association within seven days from the date of the exam. The latter shall report to the Chairman of the Executive Council.</p> <p>The list of candidates who have passed the exam is displayed at the headquarters of the Association within 30 days from the date of passing of the exam.</p> <p>Any candidate who has the reasons to believe that the score is not just may appeal to the vice President of the body, within seven days from the date of posting of the results.</p> <p>The list of candidates who have passed the examination is approved by the Executive Council which will then submit it to the Minister of Justice for appointment.</p>	<p>L’examen est préparé par une commission <i>ad hoc</i> nommée par le Conseil Exécutif parmi les huissiers les plus expérimentés et les enseignants du droit.</p> <p>L’examen est fait par écrit . La date et le lieu de l’examen doivent être communiqués au moins 21 jours avant la date de passation de l’examen. Les resultats sont communiqes dans les sept jours à compter de la date de passation de l’examen au Vice-President du Corps qui en fait rapport au Président du Conseil Exécutif</p> <p>Tout candidat qui a des raisons de croire que la note obtenue n’est pas juste peut adresser son recours au vice-President du Corps, endans sept jours à compter de la date d’affichage des résultats.</p> <p>La liste des candidats qui ont réussi l’examen doit être affichée au siege du Corps endans 30 jours a compter de la date de passation de l’examen.</p> <p>La liste des candidats qui ont réussi l’examen est approuvée par le Conseil Exécutif qui le soumet ensuite au Ministre de la Justice pour nomination.</p>
---	---	---

<p><u>Icyiciro cya 2: Kwimenyereza umwuga</u></p> <p><u>Ingingo ya 38 : Inshingano yo kwimenyereza umwuga</u></p> <p>Uretse abantu bavugwa mu ngingo ya 36 y'Itegeko rigenga umurimo w'abahesha b'inkiko, ushaka kuba umuhesha w'inkiko, agomba, akimara kwandikwa ku rutonde rw'agateganyo rw'abagize Urugaga, kumara igihe cy'amezi atandatu (6) yitoza umwuga gishobora kongerwa inshuro imwe.</p> <p><u>Ingingo ya 39: Gukurikirana imikorere y'uwimenyereza umwuga</u></p> <p>Umuhesha w'inkiko wimenyereza umwuga yihitiramo umuhesha w'inkiko w'umwuga ugomba kumutoza umwuga. Iyo adashoboye kumwibonera, amushyirirwaho na Perezida w'Urugaga.</p>	<p><u>Section 2: Internship</u></p> <p><u>Article 38: Obligation of internship</u></p> <p>Without prejudice to article 36 of the Law governing the bailiff function, any candidate, after his/her inclusion in the provisional list of members of the Association, should perform an internship for six months which may be extended once for another six (6) months.</p> <p><u>Article 39: Supervision of internship</u></p> <p>The trainee bailiff shall choose a professional bailiff who will supervise him/her for a period of six (6) months. In case the trainee fails to get one, the President of the Association shall provide one for him/her.</p>	<p><u>Section 2: Stage professionnel</u></p> <p><u>Article 38: Obligation du stage</u></p> <p>Sous réserve de l'article 36 de la loi régissant la fonction d'huissier de justice, tout candidat, après son inscription sur la liste provisoire des membres du Corps, doit effectuer un stage professionnel pendant six mois qui peut être prolongé une seule fois pour un autre délai de six (6) mois.</p> <p><u>Article 39: Supervision du stagiaire</u></p> <p>L'huissier de justice professionnel stagiaire doit choisir un huissier de justice professionnel qui doit superviser son stage. Lorsqu'il ne parvient pas à se doter d'un maître de stage, celui-ci est désigné par le Président du Corps.</p>
--	--	---

<p>Mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uherye ku muni ukurikira umunsi wa nyuma wo kumenyerezwa, umenyereza uwitoza umurimo w'ubuhesha bw'inkiko bw'umwuga agomba gukorera raporo Perezida w'Urugaga agendeye ku bipimo bishyirwaho n'Inama Nyobozi y'Urugaga bigaragaza ubushobozi bw'umurimo.</p> <p>Iyo raporo ikorerwa uwitoza umwuga igaragaza ko awushoboye, uwitoza ashirwa burundu ku rutonde rw'abagize Urugaga n'Inama Nyobozi y'Urugaga. Iyo igaragaza ko adashoboye umwuga, ahabwa ikindi gihe cy'amezi atandatu (6) cyo kongera gutozwa atatsinda agasezererwa.</p> <p><u>Ingingo ya 40: Inshingano z'uwimenyereza umwuga</u></p> <p>Hejuru y'inshingano ziteganywa n'itegeko rigenga umurimo w'abahashe b'inkiko, uwimenyereza kuba umuhesha w'inkiko w'umwuga agomba:</p> <ul style="list-style-type: none"> - kugira igihe cyo gukorera mu biro by'umuhesha w'inkiko ushinzwe kumenyereza umwuga; - gukora imirimo y'abahashe b'inkiko ayobowe n' ushinzwe kumenyereza umwuga; 	<p>The supervisor of the internship shall make a report to be submitted to the President of the Association, on trainee's capacity in the field fifteen (15) days before the end of the internship, in consideration of scales of competences established by the Executive Council of the Association.</p> <p>If the supervisor's report indicates the trainee's capacity, the trainee shall be definitively enrolled on the roll of the bailiffs by the Executive Council of the Association. In case the report indicates the trainee's incapacity, the internship period shall be extended for another period of six (6) months. In case he/she fails, he/she shall be fired.</p> <p><u>Article 40: Obligations of the trainee</u></p> <p>In addition to the professional obligations of the Law governing the bailiff function, the trainee professional Bailiff has the following obligations:</p> <ul style="list-style-type: none"> - to sometimes work in his/her supervisor's office effectively; - to perform the actions of bailiffs under the supervision of the supervisor; 	<p>Dans un délai de quinze (15) jours à compter du jour qui suit le dernier jour du stage, le maître de stage doit donner son rapport au Président du Corps sur base des critères d'aptitude fixes par le Conseil Exécutif du Corps.</p> <p>Si le stage se révèle concluant, le stagiaire est inscrit définitivement sur la liste des membres du Corps par le Conseil Exécutif du Corps. Dans le cas contraire, le stage est prolongé pour un autre délai de six (6) mois, et si le stagiaire ne réussit pas, il est renvoyé.</p> <p><u>Article 40: Obligations du stagiaire</u></p> <p>En plus des obligations professionnelles découlant de la Loi régissant la fonction d'huissier de justice, l'huissier de justice professionnel stagiaire doit:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Fréquenter le cabinet de son maître de stage de manière effective; - Accomplir les actes d'huissier de justice sous la supervision du maître de stage;
--	---	--

<p>- kwitabira amahugurwa yateguriwe abahesha b'inkiko agamije kubongererera ubumenyi mu kazi kabo;</p> <p>- kubaha ushinzwe kumumenyereza umwuga no gukurikiza amabwiriza ye ajoyanye n'umwuga w'abahesha b'inkiko.</p> <p><u>Ingingo ya 41: Inshingano z'umenyereza uwitoza umwuga</u></p> <p>Umenyereza uwitonza umurimo w'abahesha b'inkiko b'umwuga afite inshingano zo kwita k'uwo ashinzwe kumenyereza amwigisha ubumenyi mu by'amategeko y'umwuga w'abahesha b'inkiko. Agomba kumugenera umwanya uhagije wo kumva ibibazo ahura nabyo mu kazi no kubishakira umuti. Iyo igihe cyo kwimenyereza umwuga kirangiye, umenyereza uwitoza umwuga w'ubuhesha bw'inkiko bw'umwuga agomba gukora icyegeranyo cy'ibyo uwimenyereza yakoze kigashyikirizwa Visi Perezida w'Inama Nyobozi y'Urugaga.</p> <p><u>Ingingo ya 42: Imisoreze yo kwitoza umwuga</u></p> <p>Gusoza kwitoza umwuga w'ubuhesha bw'inkiko bw'umwuga biherekezwa n'icyemezo gihamya ko uwimenyereza umwuga afite ubushobozi</p>	<p>- to participate in training organized for bailiffs in order to develop capabilities in relation to their functions;</p> <p>- Respect his master and follow instructions given by him for the development of the training.</p> <p><u>Article 41: Responsibilities of the supervisor</u></p> <p>The supervisor has towards the trainee, the obligation to ensure regularly and carefully the legal and professional training of the trainee.</p> <p>He should remain available and willing to address the challenges of professional order encountered by the trainee. At the end of the internship, the supervisor shall prepare a report on the performance of the trainee and submit it to the Vice-President of the Executive Council.</p> <p><u>Article 42: Completion of the training</u></p> <p>The end of the training is devoted by the issuance of a Certificate of Professional Competence (CPC) and the inclusion by the Executive Council of the</p>	<p>- participer aux formations organisées à l'intention des huissiers en vue de développer ses capacités en rapport avec ses fonctions;</p> <p>- respecter son maître et suivre les instructions données par lui en vue du perfectionnement du stage.</p> <p><u>Article 41: Obligations du maître de stage</u></p> <p>Le maître de stage a envers le stagiaire, l'obligation de veiller de manière régulière et attentive à la formation juridique et Professionnelle du stagiaire.</p> <p>Il doit demeurer disponible disposé à répondre aux difficultés d'ordre professionnelles qu'il rencontre. A la fin du stage le maître de stage doit établir un rapport sur les prestations du stagiaire et le soumettre au Vice-Président du Conseil Exécutif.</p> <p><u>Article 42: Fin du stage</u></p> <p>La fin du stage est consacrée par la délivrance d'un certificat d'aptitude professionnelle (CAP) et de l'inscription de l'huissier de justice professionnel</p>
--	---	--

